I. IJAMBO RY'IBANZE.

Nyuma yo kugerageza inzira y'ubutabera busanzwe mu rwego rwo gushakira ibisubizo ibibazo by'ubutabera bikomoka kuri Jenoside no kubona ko uwakomeza muri ubwo buryo yazamara imyaka isaga ijana akiburanisha abaregwa bake bari bamaze kumenyekana, u Rwanda rwashyizeho Inkiko Gacaca nk'ubutabera buhana, bwunga abanyarwanda kandi bushobora gukorwa mu gihe kitarambiranye.

Iyi gahunda yatangiye mu mwaka w'i 2000 itangirana n'ishyirwaho ry'abakozi no gushakisha ibikoresho bizafasha muri iyi nzira. Nyuma y'imyaka ibiri gusa Inkiko zose zari zimaze kubona ibikoresho n'abazikoramo ni ukuvuga Inyangamugayo aribo bacamanza bazo.

Mu rwego rwo gushaka kurushaho gukurikiranira hafi izo nkiko nshya byabaye ngombwa gutangiza nke hagamijwe kureba ibigenda neza ngo bikomeze byubakirweho naho ibitanoze binozwe nibiba na ngombwa bihindurwe kuko amategeko ashyirirwaho gutunganya umuryango w'abantu.

Ku itariki ya 18 Kamena 2002 nibwo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yatangije ku mugaragaro imirimo y'Inkiko Gacaca mu cyiciro cyiswe icy'icyitegererezo. Bukeye bwaho kuwa 19 Kamena 2002 Inkiko Gacaca z'utugari tugize imirenge 12 yari yatoranyijwe hirya no hino mu Ntara n'Umujyi wa Kigali zitangira imirimo yazo y'Ikusanyamakuru.

Nyuma y'amezi atanu gusa byari bimaze kugaragara ko ibyinshi bigenda neza biba ngombwa kongera umubare w'inkiko zikora. Imirimo yazo iva mu mirenge 12 igera ku mirenge 118; ubwo Inkiko Gacaca ziba zitangiye gukorera muri buri Karere na buri Mujyi by'u Rwanda uko byari bimeze icyo gihe.

Imirimo y'Inkiko Gacaca muri iyo mirenge yamaze igihe kitari gito kuko ikusanyamakuru rirangiye byabaye ngombwa ko binjira mu iburanisha nyirizina. Igikorwa cyatangiye ku itariki ya 10 Werurwe 2005.

Ubwo iburanisha ryakorwaga mu nkiko zo mu cyiciro cy'icyitegererezo, hirya no hino mu Tugari twose tw'Igihugu bari bahugiye mu cyiciro kibanza cy'imirimo y'Inkiko Gacaca aricyo cy'ikusanyamakuru cyatangijwe kuwa 15 Mutarama 2005.

Muri iyi raporo turabagezaho umusaruro wavuye muri ako kazi kamaze umwaka wose gakorwa n'Inyangamugayo zifatanyije n'inzego zitandukanye z'ubuyobozi kuva ku z'ibanze kugera ku nzego nkuru z'Igihugu. Iyi raporo iragaruka kuri zimwe mu mbogamizi zagiye zigaragara hirya no hino muri icyo gihe cy'ikusanyamakuru ikanerekana umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu iburanisha kuko mu byo yerekana harimo n'imibare y'abashinjwa Jenoside mu gihugu hose akarere ku kandi, abari mu gihugu n'abari hanze yacyo, abatigeze bafungwa na rimwe, abapfuye bataburanye n'ibindi.

Kubera ko byagiye bigaragara mu gihe cy'iburanisha ko abaregwa bagenda biyongera cyane cyane mu manza z'abemeye ibyaha, iyi mibare dufite ubu ishobora kugenda yiyongera.

Turashimira abantu bose bagize uruhare mu gikorwa cy'ikusanyamakuru ku musanzu ukomeye bahaye u Rwanda wo kubakira ku kuri ko soko y'ubumwe n'ubwiyunge nyakuri by'abanyarwanda.

MUKANTAGANZWA Domitilla
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego
rw'Igihugu rushinzwe Inkiko Gacaca

IGICE CYA MBERE: UKO IKUSANYAMAKURU RYAKOZWE

I. INTANGIRIRO

Nkuko byavuzwe mu ijambo ry'ibanze ikusanyamakuru mu gihugu cyose ryatangiye ku itariki ya 15 Mutarama 2005 mu Nkiko Gacaca z'Utugari 8.262 ni ukuvuga 92% by'Inkiko Gacaca z'Utugari twose uko ari 9.013.

Ikusanyamakuru kandi ryarakomeje no mu Nkiko Gacaca za tumwe mu tugari tw'icyiciro cy'icyitegererezo twagiye tugira ibibazo byatumye ritarangira ku gihe. Ikusanyamakuru ryakozwe mu byiciro bibiri by'ingenzi ari byo:

- Gukusanya amakuru kw'abaturage muri za Nyumbakumi bafatanyije n'abayobozi babo;
- Gushyikiriza inama rusange y'Akagari iyobowe n'Urukiko Gacaca rw'Akagari amakuru yakusanyijwe ngo iyemeze kandi iyagire ayayo.

Amakuru yakusanyijwe ari ugutatu agakurikirana mu buryo bukurikira:

- Amakuru yerekana uko Jenoside yateguwe mu Kagari;
- Amakuru yerekana uko Jenoside yakozwe n'ingaruka zayo mu Kagari;
- Amakuru yerekana uruhare rwa buri muntu ushinjwa.

Nyuma yo gukusanya ayo makuru hakozwe undi murimo ukomeye wo gukora urutonde rw'abaregwa, kubashyira mu nzego no gutegura amadosiye yabo (Ifishi y'uregwa).

Amadosiye yo mu rwego rwa mbere yagiye ashyikirizwa Ubushinjacyaha muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali, ayo mu rwego rwa kabiri ashyikirizwa Inkiko Gacaca z'Imirenge naho ayo mu rwego rwa gatatu aguma mu Nkiko Gacaca z'Utugari.

II. INZITIZI ZAGARAGAYE

Iyi gahunda y'ikusanyamakuru n'ubwo yari ishyigikiwe n'inzego zose z'Igihugu ntiyabuze kugira ibiyibangamira, bimwe muri byo akaba ari ibi bikurikira:

- Ingengabitekerezo ya Jenoside yagaragaye henshi hagamijwe kuburizamo imirimo y'Inkiko Gacaca;
- Ihungabanywa ry'umutekano w'abacitse ku icumu rya Jenoside, abireze bakemera ibyaha n'abandi batangabuhamya kimwe n'Inyangamugayo z'Inkiko Gacaca;
- Icibwa ry'amakayi yakusanyirizwagamo amakuru ndetse n'irigiswa ryayo no kuyajugunya mu misarani;
- Abantu bagiye bahunga bitwaje Inkiko Gacaca kandi mu by'ukuri ari ugutoroka ubutabera;

- Umubare utari muto w'abatowe nk'Inyangamugayo bagaragayeho kugira uruhare muri Jenoside;
- Umubare munini w'abayobozi bagize uruhare muri Jenoside bigatuma babangamira imigendekere myiza y'Inkiko Gacaca;
- Abantu bimutse aho bari batuye mu gihe cya Jenoside bahunga kuryozwa ibyaha bahakoreye;
- Gukangisha abantu Inkiko Gacaca hagamije kubakura umutima bikabangamira intego y'ubutabera bwunga;
- Abayobozi ba za Nyumbakumi bamwe bagiye banga kuyobora inama za Gacaca cyane cyane iyo babaga bazi ko hari uruhare ruvugwa ku bayobozi no ku bandi Bantu b'inshuti zabo nk'abacuruzi n'abandi;
- Kuba bamwe mu bayobozi bo mu nzego zo hejuru n'abandi bavuga rikijyana batarashishikariye gutanga amakuru akenshi akaba yarashakirwaga muri rubanda rugufi;
- Ikusanyamakuru ry'ahantu hari umwihariko waho nk'ahiciwe abantu benshi, mu bigo by'amashuri yisumbuye, muri Kaminuza y'u Rwanda, ryagiye rigorana;
- Kudaha agaciro amakuru yatanzwe n'abari abana bato mu gihe cya Jenoside

III. UMWIHARIKO MU MUJYI WA KIGALI

Mu Mujyi wa Kigali uretse ibibazo basangiye n'izindi Ntara bagiye bagira umwihariko wabo ahanini bitewe n'uko abatuye Umujyi ari abantu batiririrwa aho batuye, batunzwe n'imirimo itandukanye kandi akenshi batikorera ku buryo byasabye imbaraga nyinshi kugira ngo abakoresha bumve ko bagomba kureka abakozi babo bakajya muri Gacaca.

Dore zimwe mu mbogamizi Umujyi wa Kigali wagiye ugira:

- Ubwitabire buke ugereranyije no mu byaro;
- Utugari tumwe na tumwe twagiye dusigara inyuma mu ikusanyamakuru n'ubu tukaba tukiririmo;
- Kudatanga amakuru kw'abaturage kuko abenshi baba batari bahatuye mu gihe cya jenoside.

IV. IMWE MU MITI YAFASHIJE GUTUNGANYA IKUSANYAMAKURU

- Gushyiraho umunsi muri buri Karere imirimo y'Inkiko Gacaca ibera;
- Gusimbuza vuba mu nzego z'Inkiko Gacaca abari Inyangamugayo bashinjwe Jenoside;
- Gukuraho abayobozi bagiye bagaragaraho kubangamira imigendekere myiza y'Inkiko Gacaca bitwaje imyanya y'ubuyobozi;
- Gukaza ingamba zo gucunga umutekano mu Nkiko Gacaca;
- Gukomeza igikorwa cy'ubukangurambaga cyane cyane ku byerekeye kwirega, kwemera icyaha, kwicuza no gusaba imbabazi;
- Gukangurira abantu bose kwitabira imirimo y'Inkiko Gacaca no kuzigiramo uruhare;

IGICE CYA KABIRI: IBYAGEZWEHO MU GIHE CY'IKUSANYAMAKURU

Amakuru yakusanyijwe ni menshi, muri iyi raporo turerekana imwe mu mibare ya ngombwa yagaragajwe n'ikusanyamakuru. Twasanze ari byiza rimwe na rimwe kwerekana uko imibare iteye muri buri Karere ndetse no mu Mirenge.

Tuributsa ko iyo tuvuga imirenge muri gahunda y'Inkiko Gacaca tuba tuvuga ya yindi yariho mbere y'ivugururwa ry'inzego z'ubutegetsi ryo mu Kuboza 2005, aho twari dufite imirenge 1545.

Imibare igaragara muri iyi raporo ahanini ni iyi ikurikira:

- Umubare w'abaregwa bashyizwe ku rutonde n'Inkiko Gacaca bakanashyirwa mu nzego uko ari eshatu ;
- Umubare w'abarokotse Jenoside ;
- Umubare w'abafashwe mu byitso ;
- Umubare w'abaregwa bataba mu gihugu ;
- Umubare w'abakoze Jenoside ubu batakiriho.

Iyi mibare igenda yerekanwa mu mbonerahamwe zometse kuri iyi nyandiko ku buryo bw'imigereka.

UMUSOZO

Ikusanyamakuru ryamaze igihe gisaga umwaka n'igice ryagiye rihura n'ingorane zitandukanye. Muri iyi raporo twagaragaje iz'ingenzi. Iri kusanyamakuru kandi ryerekanye ko hari umubare munini w'abantu bari ku rutonde rw'abaregwa kandi abenshi muri bo bakaba ari abo uruhare rw'abo rwagaragajwe n'Inkiko Gacaca. Aha umuntu akaba atatinya kuvuga ko inshingano yazo yo kumenya ukuri kuri Jenoside igenda igerwaho.

Nubwo hari ahakigaragara ingengabitekerezo ya Jenoside igaragazwa cyane cyane no guceceka abantu banga kugaragaza uruhare rwabo cyangwa rw'abo bafitanye amasano, hari henshi hagaragara imibare y'abaregwa biyemeje kuvugisha ukuri imbere y'Inkiko Gacaca. Abo batuma zigera vuba ku nshingano yazo yo kwihutisha imanza kuko nk'uko byagiye bigaragara mu manza zo mu cyiciro cy'icyitegererezo.

Abiyemeje kunangira bo babangamira imigendekere myiza y'Inkiko Gacaca kuko bituma bene abo bakatirwa ibihano biri hejuru mu biteganyijwe n'itegeko (imyaka 30), bakaba batanga urugero rubi ku bandi bashinjwa.

Nyuma y'ibyagaragaye mu ikusanyamakuru, hari ibyifuzo tubona bishyizwe mu bikorwa byatuma iyi gahunda irushaho kugenda neza, muri byo hari cyane cyane :

- Kwihutisha ivugururwa ry'Itegeko Ngenga n° 16/2004 ryo kuwa 19/06/2004 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko Gacaca kuko byatuma hashyirwaho Inteko z'Inkiko Gacaca nyinshi, isubikagifungo rigashyirwa mu bihano Inkiko Gacaca zitanga, ibyerekeye inzego bikarushaho kunozwa…. ;
- Gukaza umurego mu kubungabunga umutekano w'abatangabuhamya byumwihariko abacitse ku icumu n'inyangamugayo z'Inkiko Gacaca ;
- Gushyiraho uburyo inzego z'ibanze zahagurukira gushishikariza abaregwa kugira uruhare mu konona imitungo no gusahura bariha imitungo yangijwe ku bwumvikane ;
- Kwihutisha ishyirwaho ry'ikigega cy'indishyi ku bacitse ku icumu rya jenoside ;
- Gukomeza guhangana n'ingengabitekerezo ya jenoside kuko idindiza imirimo y'Inkiko Gacaca.